

IMBONERAHAMWE YA SERIVISI ZITANGWA N'INZEGO Z'IBANZE

KAMENA 2018

SERIVISI ZITANGIRWA KU RWEGO RW'UMURENGE

IBIRIMO

IBIRIMO.....	II
ISHINGIRO N'IKIGAMIJWE N'IYI NYANDIKO.....	1
SERIVISI ZITANGIRWA KU RWEGO RW'UMURENGE.....	1
I. IRANGAMIMERERE N'IMPAPURO MPAMO.....	1
II. IMISORO N'AMAHORO	10
III. IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE.....	13
IV. UBUVUZI BW'AMATUNGO	17
V. UBUHINZI.....	19
VI. UBUTAKA.....	20
VII. UBUREZI	28
VIII.ISUKU	31
IX. KOPERATIVE	32

ISHINGIRO N'IKIGAMIJWE N'IYI NYANDIKO

Iyi nyandiko ishingiye ku ihame ryo gutanga serivisi nziza ku baturage ku rwego rw'Umurenge. Umurenge ni rumwe mu nzego z'imitegekere y'Igihugu cy'u Rwanda. Inshingano z'Umurenge zigenwa n'Itegeko № 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerezwe abaturage.

Iyi nyandiko izifashishwa nka bumwe mu buryo bwo kunoza imitangire myiza ya serivisi. Izafasha abatanga n'abahabwa serivisi kugira imyumvire imwe ku mitangire inoze ya serivisi. Ibyo bizatuma Abaturage bamanya neza urutonde rwa serivisi bahabwa ku rwego rw'Umurenge, aho serivisi itangirwa n'umukozi cyangwa abakozi babishinzwe, ibyo usaba serivisi agomba kuba yujuje, igihe agomba kuba yayiherewe cyangwa yasubirijwe ibyo yifuza ku buyobozi, n'uburyo yakoresha kugira ngo amenyekanishe ko atishimiye serivisi yahawe.

Guhabwa serivisi nziza kandi ku gihe ni uburenganzira bw'Umuturage igihe yujuje ibisabwa. Umurenge ugomba kubahiriza ibikubiye muri iyi nyandiko, guhora ushishikajwe n'uko serivisi zihabwa abaturage zarushaho kunoga no kumenyekanisha impinduka zakozwe kuri iyi nyandiko zigamije korohereza Abaturage guhabwa serivisi.

Iyo utishimiye ubufasha wahawe ushobora kubimenesha Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge cyangwa inzego zisumbuye (Akarere). Hari kandi andi makuru waba ukeneye arenze ibikubiye muri iyi nyandiko, wayabaza ku biro by'ukozi ubishinzwe ku Murenge, cyangwa ukayasanga ku rubuga rwa interineti rw'Akarere.

IMBONERAHAMWE YA SERIVISE ZITANGWA N'INZEGO Z'IBANZE

SERIVISI ZITANGIRWA KU RWEGO RW'UMURENGE

I. IRANGAMIMERERE N'IMPAPURO MPAMO

a) Kwandikisha umwana wavutse

1) Uhabwa iyi serivise	Umwana wese wabyawe n'umubyeyi utuye cyangwa ubarurirwa mu murenge
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere n'Inyandiko Mpamo
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none">- Icyemezo cya muganga w'ibitaro umwana yavukiyemo- Indangamuntu z'ababyeyi- Kwandikisha umwana mu minsi 30 kuva umwana avutse- Icyemezo kigaragaza ko ababyeyi basezeranye- Ababyaye umwana bombi bahari
4) Inzira binyuramo	Kwandisha umwana wavutse bikorwa mu minsi 30 kuva umwana avutse. Kwandika umwana wavutse bikorwa mu buryo butatu butandukanye: <ul style="list-style-type: none">- Iyo ababyeyi bashakanye ku buryo bwemewe n'amategeko, umwana yandikwa mu gitabo cy'abana bavutse (Actes de Naissance), ariko iyo umwana yandikishijwe mu gihe cyateganjije n'amategeko,- Iyo kwandikisha umwana byakozwe bikererewe, umwana yandikwa mu gitabo cy'abavutse (Registre de Naissance).- Abana babyawe n'ababyeyi batashakanye byemewe n'amategeko bandikwa mu gitabo cyo "Kwemera Umwana" (Acte de Reconnaissance),
5) Izindi nzego unyuramo	Ibitaro
6) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

b) Kwandika abashaka gushyingirwa byemewe n'amategeko

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese ufite byibura imyaka 21 y'amavuko
-------------------------------	---

2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere n'Inyandiko Mpamo
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Kuba uhibereye - Kuba ufile byibura imyaka 21 y'amavuko - Icyemezo cy'uko uri ingaragu - Icyemezo cy'amavuko - Kopi y'indangamuntu - Icyemezo cy'ubutane cyangwa icyemezo cy'ubutane gitangwa n'urukiko kiriho kashe mpuruza k'uwatanye - Icyemezo cyo gushyingirwa n'icyemezo cy'urupfu rw'ubo bashakanye k'uwapfakaye
4) Inzira binyuramo	Kwandikwa bikorwa mu minsi 21 mbere yo gushyingiranwa imbere y'amategeko kugirango bitangazwe.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	<p>1,500 Frw y'agatabo ko gushyingirwa yishyurwa biciye ku Irembo (niba umunsi wo gushyingirwa ari ku wa Kane)</p> <p>10,000 Frw n'1,500 Frw y'agatabo ko gushyingirwa yishyurwa biciye ku Irembo (niba umunsi wo gushyingirwa atari ku wa Kane)</p>
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi iyo ibisabwa byuzuye

c) Guhabwa icyemezo cy'ibyanditse mu bitabo by'abashyingiranywe imbere y'amategeko (Extrait d'Acte de Marriage)

1) Uhabwa iyi serivise	Umuturage wesezeranye imbere y'amategeko muri uwo murenge
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere n'Inyandiko Mpamo
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Indangamuntu - Kwerekana igihe wasezeraniye (Agatabo ko gushyingirwa, icyemezo kigaragaza ko wahasezeraniye)
4) Inzira binyuramo	Izi nyandiko nizo zishingirwaho bareba mu bitabo by'abashyingiranye byemewe n'amategeko kugirango bagukorere "acte de marriage", iguhesha kubona ibyangombwa byo gushyingirwa aho ariho hose. « Extrait d'Acte de Marriage » itangwa n'umurenge washyingiriweho gusa.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	2,00 Frw arihwa kuri konti y'Akarere
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi iyo ibisabwa byose byuzuye

d) Gusaba icyemezo cy'uko wasezeranye imbereye y'amategeko

9) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wasezeraniye mu murenge cyangwa undi wese ufile "Acte de Marriage"
-------------------------------	---

10) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere n'Inyandiko Mpamo
11) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Agatabo ko gushyingirwa (livret de mariage) cyangwa icyemezo cyo gushyingirwa (acte de mariage) - Bareba mu bitabo by'abashyingiwe iyo washyingiriwe muri uwo murenge - Kopi y'indangamuntu cyangwa pasiporo - Inyemezabwishiya ya 500 Frw yishyurwa kuri konti y'Akarere
12) Inzira binyuramo	Ujya ku murenge witwaje impapuro zisabwa
13) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
14) Amafaranga yishyurwa	500 Frw yishyurwa biciye ku Irembo
15) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
16) Igihe ntarengwa	Uwo munsi iyo ibisabwa byose byuzuye

e) Gusaba icyemezo cy'uko uri ingaragu

1) Uhabwa iyi serivise	Umuturage wese ubikeneye
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Kopi y'Irangamuntucyangwa Pasiporo - Icyemezo cyatanzwe n'Akagari cyemeza ko uri ingaragu - Inyemezabwishiya ya 500 Frw yishyurwa kuri konti y'akarere
4) Inzira binyuramo	Ujya ku murenge witwaje impapuro zisabwa
5) Izindi nzego unyuramo	Umudugudu n'Akagari
6) Amafaranga yishyurwa	500 Frw yishyurwa biciye ku Irembo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi iyo ibisabwa byose byubahirijwe

f) Icyemezo cy'uko watandukanye n'uwo mwashakanye

1) Uhabwa iyi serivise	Umuturage wese ubikeneye
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Kopi y'Indangamuntu cyangwa Pasiporo - Icyemezo cy'ubutanecy'urukiko kiriho kashe mpuruza - Inyemezabwishiya ya Frw 1500
4) Inzira binyuramo	Ujya ku murenge witwaje impapuro zisabwa
5) Izindi nzego unyuramo	Akagari, Umudugudu
6) Amafaranga yishyurwa	1200 Frw yishyurwa biciye ku Irembo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi iyo ibisabwa byose byubahirijwe

g) Kwandukuza umuntu wapfuye

1) Uhabwa iyi serivise	Umuturage wese ubikeneye
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Icyemezo cya muganga - Indangamuntu y'umwimerere y'uwapfuye irasubizwa - Abagabo babiri bo kubyemeza

	<ul style="list-style-type: none"> - Ku muntu waguye mu rugo, abamushyinguye bakora inyandiko mvugo ikemezwa n'Akagari - Ku muntu wapfuye hakab hashize igihe kirekire, hasabwa icyemezo cy'urukiko kiriho kashe mpuruza
4) Inzira binyuramo	<ul style="list-style-type: none"> - Kwandukuza umuntu wapfuye bikorwa mu minsi 30 uhereye igihe umuntu yapfiriye; - Umuntu wapfuye yandikwa mu "gitabo cy'abapfuye" (registre de décès) cy'aho umuntu yaguye.
5) Izindi nzego unyuramo	Umudugudu, Akagari, Ibitaro
6) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi iyo ibisabwa byose byuzuye

h) Icyemezo cy'uko umuntu yapfuye

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese ugikeneye
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere n'Inyandiko Mpamo
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Kuba umuntu yanditse mu gitabo cy'abapfuye - Kuriha 1,200 Frw kuri konti y'Akarere
4) Inzira binyuramo	Iyo umuntu yanditswe mu gitabo cy'abapfuye ujya ku biro by'Umurenge ukerekana kitansi yishyuriweho amafaranga asabwa bakakwandikira icyemezo. Iyo umuntu atanditswe ko yapfuye ubanza kubyandikisha.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	1,200 Frw yishyurwa biciye ku Irembo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi iyo ibisabwa byose byuzuye

i) Kwemeza impapuro mpamo

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese ushaka ko kopi z'impapuro z'umwimerere zemezwa ko ari impamo
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere n'Inyandiko Mpamo
3) Ibisabwa	Kwishiura 1.500 Frw kuri buri kopi kuri konti y'Akarere
4) Inzira binyuramo	Werekana urupapuro warihiyeho, ugatanga impapuro z'umwimerere na kopi zazo ushaka ko zemezwa ko ari impamo.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	1500 Frw kuri buri kopi yishyurwa biciye ku Irembo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

j) Icyemezo cyo kuba umubyeyi w'umwana utabyaye

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese ushaka kuba umubyeyi w'umwana atabyaye
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere n'Inyandiko Mpamo
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Usabirwa kuberwa umubyeyi agomba kuba atuye mu murenge cyangwa ariho yabaruwe - Uhagarariye umwana agomba kuba ahari

	<ul style="list-style-type: none"> - Abagabo babiri (2) kuri buri ruhande - Ibyangombwa (Indangamuntu cyangwa pasiporo) bya buri wese - Ababyeyi ko mpande zombi bagomba kuba bahari - Icyemezo cy'amavuko cy'umwana - Ku bana bakuru bagomba kuba babyemera <p>Ku babyeyi ku mpande zombi:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kopi z'Indangamuntu - Icyemezo cy'uko bashyingiranwe, cyangwa ko ari ingaragu - Kuba bahibereye - Icyemezo cy'uko ababyeyi b'umwana babyemera - Icyemezo cy'urupfu iyo ababyeyi bapfuye <p>Ku bashaka kuba ababyeyi b'umwana</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kuba bahibereye - Kopi y'Indangamuntu - Kaba barusha nibura imyaka 20 uwo bashaka kubera ababyeyi - Icyemezo cy'uko bashyingiranywe cyangwa ari ingaragu - Kuba uwo bashakanye abyemera
4) Inzira binyuramo	<ul style="list-style-type: none"> - Usaba kuba umubyeyi w'umwana atabyaye azana n'uwo bashakanye, uhagarariye umwana ndetse n'abagabo babiri (2) kuri buri ruhande.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	Iyo akeneye acte d'adoption nibwo yishyura amafaranga 2000
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi iyo ibisabwa byuzuye

k) Icyemezo cyo kwemera umwana

1) Uhabwa iyi serivise	Ummuntu wese ushaka kwemera umwana byemewe n'amategeko
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Icyemezo cy'amavuko cyangwa « extrait d'acte de naissance » - Ikarita yo gukingira cyangwa icyemezo cya muganga iyo umwana atanditse - Indangamuntu z'ababyeyi (orijinari na kopi) - Abagabo babiri
4) Inzira binyuramo	Ababyeyi bombi baza ku biro by'Umurenge. Iyo ibisabwa byuzuye umwana yandikwa mu gitabo cyo kwemera umwana (register d'acte de reconnaissance)
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi iyo ibisabwa byuzuye

I) Icyemezo cyo kuzungura

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese ugikeneye
2) Umukozi ubishinzwe	Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Imyanzuro y'inama y'umuryango yemeza uko izungura rigomba kugenda - Icyemezo cy'urupfu cy'uzungurwa - Indangamuntu z'abazungura - Ibyemezo by'amavuko by'abazungura - Umurenge ushobora gusaba ko inzego z'Akagari n'Umudugudu zemeza ko abazungura babifitiye uburenganzira koko. - Iyo abazungura batagejeje ku myaka y'ubukure (minor) hasabwa icyemezo cy'urukiko. - Abagize umuryango bagomba kuba bahibereye - Icyemezo cy'urukiko iyo harimo amakimbirane
4) Inzira binyuramo	Kuza kubisaba ku murenge witwaje impapuro zose zikenerwa.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
7) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

m) Gukemura ibibazo by'abaturage

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese ubikeneye
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere
3) Ibisabwa	Raporoy'Akagari igaragaza uko ikibazo cyakemuwe
4) Inzira binyuramo	Uza ku biro by'Umurenge ugasobanura uko ikibazo giteye. Hashobora gusabwa ko aho ikibazo cyabereye hasurwa.
5) Izindi nzego unyuramo	Biterwa n'imiterere y'ikibazo
6) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
7) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
8) Igihe ntarengwa	Biterwa n'imiterere y'ikibazo, ariko ubundi ni Uwo munsi

n) Gutanga ubujyanama mu mategeko

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese ubikeneye
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere
3) Ibisabwa	Ntabyo
4) Inzira binyuramo	Uza ku biro by'Umurenge ugasobanura ikibazo uko giteye.
5) Izindi nzego unyuramo	Biterwa n'imiterere y'ikibazo
6) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

o) Icyemezo cy'uwataye Irangamuntu

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese ubikeneye
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere
3) Ibisabwa	Kuzana icyemezo cya polisi cy'uko wataye Indangamuntu
4) Inzira binyuramo	Ubanza ku Kagari ugahabwa icyemezo cy'uko wataye Indangamuntu. Icyemezo kikajyanwa kuri Polisi ugahabwa icyemezo cya polisi cy'uko wataye indangamuntu. Icyemezo cya polisi gishyikirizwa Umurenge ariwo usaba NID ko igukorera indi ndangamuntu. Mugihe itaraboneka, Umurenge uguha icyemezo gisimbura Indangamuntu by'agateganyo.
5) Izindi nzego unyuramo	Akagari, Polisi
6) Amafaranga yishyurwa	1,500 Frw yo gusimbuza indangamuntu, yishyurwa biciye ku Irembo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

p) Gusaba gufata Indangamuntu bwa mbere

1) Uhabwa iyi serivise	Umwenehugu wese ufite imyaka cumi n'itandatu (16) utuye mu murenge
2) Umukozi ubushinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere n'Inyandiko Mpamo
3) Ibisabwa	Uza ku murenge witwaje icyangombwa cyose kikuranga. Ntampapuro zindi zisabwa kuko NIDA iba ifite imyirondoro yabantu bagejeje imyaka yo gufata Indangamuntu. Iyo umuntu atari muri sisiteme ya NIDA, ajyana icyemezo yakirijweho cgangwa ikarita y'ishuri
4) Inzira binyuramo	Umwenehugu wese afite imyaka cumi n'itandatu (16) utuye mu Murenge agomba kwiyandikisha kugirango ahabwe indangamuntu. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari amwandikira icyemezo cyo gusaba indangamuntu bwa mbere. Icyo cyemezo akijyana ku murenge ukamushyira ku rutonde rushyikirizwa NIDA ari nayo imenyesha umunsi wo gufotora abafata indangamuntu bwa mbere. Iyo indangamuntu zibonetse zitangirwa ku murenge hishyuwe Frw 500 kuri konti y'akarere.
5) Izindi nzego unyuramo	Akagari, NIDA
6) Amafaranga yishyurwa	500 Frw yishyurwa biciye ku Irembo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi iyo ibisabwa byose byuzuye

q) Kwemeza amasezerano y'ubugure bw'imitungo yimukanwa

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe gutanga Inyandiko Mpamo
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Indangamuntu - Ubyangombwa by'umutungo - Amasezerano y'Ubugure asinyirwa imbere ya Noteri - Kwishyura amahoro asabwa
4) Inzira binyuramo	<ul style="list-style-type: none"> - Impande zombi zijya ku biro bya noteri w'umurenge

	<p>bitwaje amasezerano y'ubugure.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Noteri asuzuma ko amasezerano akoze neza kandi yubahirije amategeko (nk'ingwate zemewe gusabwa ku nguzanyo za banki gusa, abandi ntibabyemerewe) - Iyi serivise ntitangwa ku masezerano y'ubugure bw'ubutaka cyangwa indi mitungo iri kuri ubwo butaka (amazu, amashyamba, etc.) Ibyo bigengwa n'itegeko ry'ubutaka n° 43/2013 (art. 21-22)
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	<p>5,000 Frw bya contaro 1,500 Frw kuri buri rupapuro rw'umugereka Aya mafaranga yishyurwa kuri konti y'Akarere</p>
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugera 17h00
8) Igihe ntarengwa	Mu minsi 7

r) Gusaba gushyira umukono ku masezerano y'inguzanyo yatanzwe na Banki

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere n'Inyandiko Mpamo
3) Ibisabwa	<p>Amasezerano y'inguzanyo ya banki Indangamuntu Kwishyura amahoro asabwa</p>
4) Inzira binyuramo	<ul style="list-style-type: none"> - Iyi serivise itangwa amasezerano ya banki amaze gusinya. - Ubisaba uzana n'umwishingira bagasinya ku mpapuro zabigenewe "deed authentic" imbere ya noteri. - Sipesimeni y'umukono w'umukozi wa banki ubishinzwe iba iri ku karere bityo bakabasha kugenzura ko ari we wasinye koko.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	<p>5,000 Frw bya contaro 1,500 Frw kuri buri rupapuro rw'umugereka 3,600 Frw ya nomero na volime (Nº & Volume) Aya mafaranga yishyurwa kuri konti y'Akarere</p>
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugera 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

s) Gushyira umukono kuri stati z'amashyirahamwe, amakoperative n'imiryango itari iya Leta

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere n'Inyandiko Mpamo
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Stati - Abanyamuryango bose bagomba kuba bahari - Kwishyura amahoro asabwa
4) Inzira binyuramo	<ul style="list-style-type: none"> - Serivisi zitangwa mbere ya stati zirasinywa, Noteri akagenzura ibirimbo (uko byanditse n'imiterere), yasangamo amakosa agakosorwa.

	<ul style="list-style-type: none"> - Iyo sitati zimaze gukosorwa, abanyamuryango bose baza ku biro bya noteri, abanyamuryango b'ifatizo basinya ku rutonde ukwabo, hanyuma abanyamuryango bose (ab'ifatizo n'abaje nyuma) bagasinya ku rutonde rusange. - Sitati zisinyirwa imbere ya noteri. - Iyo raporo zifite impapuro nyinshi (inama rusange y'itangizwa ry'ishyirahamwe), umuyobozi watowe niwe usinya hamwe n'umwanditsi w'inama.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Igihe itangirwa	
7) Amafaranga yishyurwa	5,000 Frw bya sitati z'ishyirahamwe 1,500 Frw kuri buri rupapuro rw'umugerek Aya mafaranga yishyurwa biciye ku Irembo
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

t) Kwemeza umukono

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese ushaka gutanga uburenganzira bwo gusinya (procuration) no kwemeza umukono we
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere n'Inyandiko Mpamo
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Indangamuntu - Kuba uhibereye - Kwishyura amahoro asabwa
4) Inzira binyuramo	- Inyandiko isinyirwa imbere ya Noteri. Noteri nawe akemeza ko umukono wemewe.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Igihe serivisi itangirwa	Buri munsi kuva 7h00 kugera 10h00
7) Amafaranga yishyurwa	1,500 Frw kuri buri rupapuro yishyurwa biciye ku Irembo
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

u) Icyemezo cy'ubupfakazi (attestation de veuvage)

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wapfakaye
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere n'Inyandiko Mpamo
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Icyemezo cy'uko yashatse - Icyemezo cy'urupfu rw'uwo bari barashakanye - Indangamuntu - Kwishyura amahoro asabwa
4) Inzira binyuramo	Ujya ku murenge witwaje ibisabwa
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Igihe itangirwa	Buri munsi
7) Amafaranga yishyurwa	1,200 Frw yishyurwa biciye ku Irembo
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi iyo ibisabwa byose byubahirijwe

v) Icyemezo cyo kutajurira umwanzuro w'abunzi

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese ushaka guteza kashe mpuruza ku mwanzuro
------------------------	---

	w'abunzi
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Irangamimerere
3) Ibisabwa	- Indangamuntu - Icyemezo cy'urukiko rw'Abunzi
4) Inzira binyuramo	Umukozi ushinzwe Irangamimerere n'Inyandiko Mpamo areba mu bitabo by'Inkiko z'Abunzi niba umwanzuro utarajuririwe, yasanga ntabyo agatanga icyemezo cyo kujujana mu rukiko rw'ibanke kugirango batere kashe mpuruza ku mwanzuro w'urukiko rw'abunzi.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Igihe itangirwa	Buri munsi kuva 7h00 kugeza 10h00
7) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi iyo ibisabwa byose byubahirijwe

w) Kurangiza imanza

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese ufite urubanza munkiko Gacaca cyangwa Abunzi
2) Umukozi ubishinzwe	Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge
3) Ibisabwa	Icyemezo cy'urukiko kiriho kashe mpuruza
4) Inzira binyuramo	Ushyikiriza Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge icyemezo cy'urukiko kiriho kashe mpuruza kugirango arangize urubanza. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge arangiza imanza z'inkiko z'ibanke n'izisumbuye.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugera 17h00
8) Igihe ntarengwa	Imyanzuro y'urubanza imenyeshwa urundi ruhande mu gihe kitarenze icyumweru, igashyirwa mu bikorwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva igihe urundi ruhande rwabimenyesherejwe. Gushyira mu bikorwa imyanzuro y'urubanza ntibishobora kurenza amezi atatu (3).

II. IMISORO N'AMAHORO

a) Gusaba uburenganzira bwo gutangiza ubucuruzi

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese ushaka gutangiza ubucuruzi
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi Ushinzwe Imisoro n'Amahoro
3) Ibisabwa	Kwiyandikisha ku ipatanti mu minsi itarenze 30 uhereye igihe utangiriye gukora (Itegeko 59/2011 n'Iteka rya Minisitiri 00/12/10/TC ryo kuwa 31/12/2012 Ingingo ya 34 (Igazeti ya Leta 32 yo kuwa 06/08/2012). Hakorwa isura kugirango hagenzurwe ko ubwo bucruzzi buriho. Kuba wariyandikishije muri RDB kandi ufite numero ya RRA.
4) Inzira binyuramo	- Uza ku biro by'Umurenge ugatanga ibisobanuro ku

	<ul style="list-style-type: none"> - mirimo y'ubucuruzi wifuza gukora n'aho uzayikorera, - Umuntu wese ushaka gutangiza imirimo y'ubucuruzi hagati ya 1 Mutarama na 31 Werurwe agomba kwiyandikisha ku musoro w'ipatanti bitarenze itariki ya 31 Werurwe y'uwo mwaka, - Iyo imirimo y'ubucuruzi itangiye nyuma yitariki ya 31 Werurwe ugomba guhita wiyanikisha Uwo munsi ku murenge. - Wuzuza impapuro zabigenewe;
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	Kuriha ipatanti iteganywa n'amategeko kuri buri bwoko bwimirimo y'ubucuruzi
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

b) Kwishyura umusoro ku butaka

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese ufite icyangombwa cy'ubutaka
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi Ushinzwe Imisoro n'Amahoro
3) Ibisabwa	Icyangombwa cy'ubutaka
4) Inzira binyuramo	<ul style="list-style-type: none"> - Ujya ku biro by'Umwakirizi w'Imisoro n'Amahoro ku Murenge bakakubarira amafaranga ugomba kwishyura bitewe n'icyo ubutaka bwawe bwagenewe gukorerwaho, ukajya kuriha umusoro kuri konti y'Akarere. Uzana urupapuro rwa banki warihiyeho bakagukorera kitansi y'uko wishyuye. Umusoro ku butaka w'umwaka wishywurwa bitarenze ku itariki ya 31Ukuboza z'uwo mwaka.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	<ul style="list-style-type: none"> - Umusoro ugenwa n'Inama Njyanama y'Akarere ishingiye ku itegeko ry'ubutaka n'icyiciro cy'ubwo butaka
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

c) Kwishyura umusoro k'ubukode bw'inzu

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese ufite inzu ikodeshwa
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi Ushinzwe Imisoro n'Amahoro
3) Ibisabwa	Amasezerano y'ubukode
4) Inzira binyuramo	Uza ku murenge bakakubarira. Iyo umusoro w'ubukode umaze kubarwa wishyurwa kuri konti y'Akarere bitarenze tariki ya 31 werurwe y'umwaka ukurikira.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	Umusoro w'ubukode ubarwa hakurikijwe agaciro k'ubukode kari mu masezerano y'ubukode
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

d) Kwishyura umusoro k'umutungo utimukanwa

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese ufite icyangombwa cy'umutungo utimukanwa
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi Ushinzwe Imisoro n'Amahoro
3) Ibisabwa	Icyangombwa cy'umutungo utimukanwa Inyemezamusoro yujujwe neza Rapor y'igenzura ry'agaciro k'umutungo ryakozwe n'impuguke zabiherewe uruhushya (expertise)
4) Inzira binyuramo	Uza ku murenge bakakubarira
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	Umusoro ubarwa hakurikijwe amategeko n'ubwoko bw'umutungo utimukanwa
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

e) Gutanga amafaranga y'isuku

1) Uhabwa iyi serivise	Ubantu bose bakorera mu gace k'ubucuruzi n'amasoko
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi Ushinzwe Imisoro n'Amahoro
3) Ibisabwa	Ipatanti Umusoro wishyurwa buri kwezi mbere yitariki ya gatanu (5) z'ukwezi gukurikira
4) Inzira binyuramo	Uza ku murenge ukerekana aho wishyuriye ukwezi kwashize n'ukugezweho. Ipatenti isabwa ku kwezi kwa mbere ko kwishyura.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	Ubaza ku murenge umabare w'amafaranga asabwa
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

f) Gutanga amahoro yo gukorera mu isoko

1) Uhabwa iyi serivise	Ubantu bose bakorera mu masoko
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi Ushinzwe Imisoro n'Amahoro
3) Ibisabwa	Ipatanti Umusoro urihwa buri kwezi mbere yitariki ya 5 z'ukwezi gukurikira
4) Inzira binyuramo	Uza ku murenge ukerekana aho warihiyе ukwezi kwashize n'ukugezweho. Ipatenti isabwa ku kwezi kwa mbere ko kwishyura.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	Ubaza ku murenge umabare w'amafaranga asabwa
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

g) Kwishyura amafaranga yo gushyingura mu irimbi

1) Uhabwa iyi serivise	Ubantu bashaka gushyingura mu irimbi rusange
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi Ushinzwe Imisoro n'Amahoro
3) Ibisabwa	Yishyurwa kuri buri mva
4) Inzira binyuramo	Aya mafaranga yishyuzwa n'abatsindiye isoko ryo gucunga amarimbi
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	Ubaza ku murenge cyangwa ku irimbi umabare w'amafaranga asabwa
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

h) Gutanga amahoro y'isuku n'umutekano

1) Uhabwa iyi serivise	Ubantu bose bakorera muri santere z'ubucuruzi n'amasoko
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi Ushinzwe Imisoro n'Amahoro
3) Ibisabwa	Ntabyo
4) Inzira binyuramo	Hari komite z'isuku muri buri murenge ikurikirana ibijyanye n'isuku n'umutekano ikanakusanya inkunga Itangwa ry'ingo.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	Ubaza ku mudugudu, akagari, cyangwa umurenge amafaranga asabwa (aratandukana akarere ku kandi)
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

III. IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

a) Kwishyurira amafaranga y'ishuri imfubyi n'abana batishoboye

1) Uhabwa iyi serivise	Imfubyi n'abana banditse k'urutonde rw'abatishoboye mu cyiciro cya 1 n'icya 2
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Icyemezo cy'uko uri imfubyi - Icyemezo cy'uko utishoboye, - Icyemezo cy'uko uri umunyeshuli - Indangamuntu z'ababyeyi ku batari imfubyi
4) Inzira binyuramo	Uza ku biro by'Umurenge ugatanda impapuro zisabwa. Umurenge ugenzura ko umwana ari k'urutonde rw'abatishoboye, impfubyi, ababana n'ubumuga kandi akaba ari mu cyiciro cya mbere cyangwa icya kabiri by'ubudehe, n'ibindi.... Hakorwa urutonde rugashyikirizwa umuterankunga.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	Ntayo

7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi iyo ibisabwa byuzuye

b) Gutanga ubufasha ku batishoboye

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese utishoboye uri mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri by'ubudehe
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Kuba wanditse k'urutonde rw'abatishoboye mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri by'Ubudehe - Rapor y'umudugudu n'akagari - Indangamuntu z'ababyeyi ku bana b'abatishoboye
4) Inzira binyuramo	<p>Iyo habonetse inkunga, yaba iva ku bafatanyabikorwa cyangwa guhunda zo kwita ku batashoboye, abazihabwa batoranywa mu rutonde rw'abatishoboye bari mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri by'Ubudehe, ku bufatanye na gahunda zihariye nka VUP, FARG, Amashyirahamwe y'Ababana n'Ubumuga, etc.)</p> <p>Utugari n'Imidugudu bisabwa gutanda urutonde rw'abatishoboye. Lisiti batanze igenzurwa hashingiye k'Urutonde rw'abatishoboye ruba ku Karere. Lisiti yemejze ishyikirizwa umuterankunga.</p>
5) Izindi nzego unyuramo	Umuterankunga, Akarere, Akagari, Umudugudu
6) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Biterwa n'imiterere y'inkunga n'aho ituruka

c) Gutanga ibyangombwa ku batishoboye mu byiciro bitandukanye

1) Uhabwa iyi serivise	Umuntu wese utishoboye uri mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri by'ubudehe
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage
3) Ibisabwa	<ul style="list-style-type: none"> - Kuba wanditse k'urutonde rw'abatishoboye (mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri by'Ubudehe) - Rapor y'umudugudu n'akagari - Indangamuntu
4) Inzira binyuramo	<ul style="list-style-type: none"> - Ubishakaaza ku biro by'Umurenge - Umurenge ugenzura ko ari k'urutonde rw'abatishoboye mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri by'Ubudehe
5) Izindi nzego unyuramo	Umudugudu, Akagari
6) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

d) Gutanga ubujyanama butandukanye

1) Uhabwa iyi serivise	Ubukeneye wese
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage

3) Ibisabwa	Ntabyo
4) Inzira binyuramo	<ul style="list-style-type: none"> - Kuza ku biro by'Umurenge - Mu nama n'Abaturage - Guhamagara cyangwa ukohereza ubutumbwa bugufi (SMS)
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

e) Gufasha gutegura imishinga ivana abatishoboye mu bukene

1) Uhabwa iyi serivise	Ubukeneye wese
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage
3) Ibisabwa	Ntabyo
4) Inzira binyuramo	Imishinga itegurwa hashingiye ku bushobozi buhari. Abagenerwabikorwa (FARG, Abatishoboye, Ababana n'Ubumuga, etc.) baraterana bagakora umushinga, ugasuzumwa n'umukozi ushinzwe imibereho myiza. Iyo nta bushobozi bafite bwo gutegura umushinga, uyu mukozi ushinzwe imibereho myiza abibafashamo.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

f) Gutanga ubufasha k'uwhahuye n'ibiza

1) Uhabwa iyi serivise	Ubikeneye wese
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage
3) Ibisabwa	Ntabyo
4) Inzira binyuramo	Rapor y'ibiza ikorwa hakurikijwe imbonerahamwe ya MIDIMAR. Ahabereye ikiza harasurwa, cyangwa umuturage wahuye n'ikiza akagana ibiro by'Umurenge. Umukozi ushinzwe imibereho myiza akora raporo asaba ubufasha ku karere.
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

g) Gusaba icyemezo cy'uko uri impfubyi

1) Uhabwa iyi serivise	Imfubyi zibikeneye zifite munsi y'imyaka 18 gusa
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage
3) Ibisabwa	Icyemezo cy'Akagari
4) Inzira binyuramo	Uzana icyemezo gisinye cy'Akagari Bareba ku rutonde rw'ubudehe imyirondoro y'ababyeyi
5) Izindi nzego unyuramo	Umudugudu, akagali

6) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

h) Icyemezo cy'uwacitse ku icumu rya jenoside

1) Uhabwa iyi serivise	Uwarokotse Jenoside
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage
3) Ibisabwa	Icyemezo cya komite y'abarakotse Jenoside. Icyo cyemezo gisinywaho kandi n'Akagari
4) Inzira binyuramo	Uza ku Murende witwaje icyemezo cya komite y'abarakotse Jenoside mu Kagari, gisinywaho kandi n'Akagari
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
7) Igihe itangirwa	Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

i) Gukurikirana abana bavuye mu bigo by'imfubyi

1) Uhabwa iyi serivise	Abana bavuye mu bigo by'imfubyi bari mu miryango yabakiriye
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage
3) Ibisabwa	Icyemezo cyatanzwe n'ikigo cy'imfubyi Umwana arandikwa ku Murende Ubufasha buhabwa abana bakiriwe mu miryango cyangwa hagakorwa imishinga yo gufasha ab'ingimbi
4) Inzira binyuramo	Bakurikiranwa n'Umukozi ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage
5) Izindi nzego unyuramo	NCC
6) Igihe itangirwa	Iyo hari ababonetse
7) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

j) Gutera inkunga ba "Marayika Murinzi"

1) Uhabwa iyi serivise	abantu cyangwa imiryango yita ku bana batereranywe n'imiryango
2) Umukozi ubishinzwe	Umukozi ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage
3) Ibisabwa	Ntabyo
4) Inzira binyuramo	Barandikwa, hanyuma hagakurikiranwa ubuzima bw'abana n'umiryango ubitaho. Polisi irabimenyeshwa. Bahabwa ubufasha nka mitiweri, udushinga duto duto, ubufasha ku mirire y'umwana, imibereho myiza, amashuri, etc. Bakomeza gukurikiranwa kandi mu mirrango yabakiriye
5) Izindi nzego unyuramo	Ntazo
6) Amafaranga yishyurwa	Ntayo
7) Igihe itangirwa	Buri gihe
8) Igihe ntarengwa	Uwo munsi

IV. UBUVUZI BW'AMATUNGO

a) Gusaba uruhushya rwo kubaga no kugurisha inyama

1) Uhabwa iyi serivise	Koperative ifite ibyangombwa byo kubaga
